ARIZONA DEPARTMENT OF ECONOMIC SECURITY

# ITANGAZO RYEREKEYE ITEGEKO RIRENGERA ABANYAMERIKA BAFITE UBUMUGA

Niba ufite ubumuga cyangwa se ikibazo cy'uburwayi, icy'ubuzima bwo mu mutwe, cyangwa ubumuga butuma umuntu atabasha kwiga ngo amenye, ibi bigatuma utabasha gukora, ufite uburenganzira buteganywa n'Itegeko rirengera Abanyamerika bafite Ubumuga (Americans with Disabilities Act, ADA). ADA irengera abantu bafite ibibazo ndetse n'ibindi bikurikira:

- Uburwayi (uburwayi bw'umutima, kanseri, asima, Virusi itera Sida, n'ibindi)
- Ubumuga butuma utabasha kwiga ngo umenye
- Agahinda gakabije n'ubundi burwayi bwo mu mutwe
- Ubumuga bwo kutumva, kutavuga no kutabona

Niba ufite ubumuga cyangwa se ikibazo cy'uburwayi, icy'ubuzima bwo mu mutwe, cyangwa ubumuga butuma umuntu atabasha kwiga ngo amenye, ushobora kugira uburenganzira ku bufasha bufatika butangwa na DES, ubwo bufasha bushobora kuba bwerekeye:

- Gufashwa mu kuzuza amafishi
- Gufashwa mu gusobanukirwa amategeko ya gahunda runaka
- Ibikoresho na serivisi (urugero, abasemuzi b'ururimi rw'amarenga, imashini isoma, n'ibindi)
- Amasomo mu buryo bwa Buraye, mu nyandiko nini, kuri gasete cyangwa kuri CD
- Gahunda mugihe gitandukanye cyangwa ahantu hatandukanye, cyangwa mu rugo
- Guhindura amategeko ya gahunda
- Kugufasha mu bundi buryo

Kugira ngo usabe ubu bufasha, baza umukozi ugushinzwe cyangwa Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ibibazo birebana n'abafite ubumuga nk'uko biteganywa na ADA.

**Ushobora guhamagara cyangwa kwandikira <u>Monique Perry</u>, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ibibazo birebana n'abafite ubumuga nk'uko biteganywa na ADA, kuri imeli cyangwa nomero ya telefone bikurikira.**

**DES Office of Equal Opportunity**

1717 W. Jefferson Street, Ste. 103
Mail Drop 1119
Phoenix, AZ 85007
oeoada504coordinator@azdes.gov

**Telefone:** (602) 364-3976 – TTY: 7-1-1

**Fax:** (602) 364-3982

Igihe usabye ubufasha ntububone cyangwa ukaba utekereza ko DES yagufashe mu buryo budakwiye kubera ikibazo cy'uburwayi bwawe cyangwa ubumuga ufite, ufite uburenganzira bwo gutanga ikirego giteganywa na ADA mu Ishami rishinzwe ibibazo birebana n'abafite ubumuga. Ushobora gutanga ikirego mu ibaruwa, ku ifishi ya ADA cyangwa ukoresheje telefone.

**Icyitonderwa:**

- Kopi z'iyi nyandiko ziboneka mu buryo bwa Buraye, mu nyandiko nini, cyangwa mu bundi buryo ubisabye.
- Ntabwo ADA isaba DES gufata icyemezo gishobora guhindura imiterere ya gahunda cyangwa serivisi zayo, cyangwa gishobora gutuma itanga amafaranga cyangwa ikora ibisabwa n'ubuyobozi mu buryo budakwiye.